Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Uburezi

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

**Intagamburuzwa icyiciro cya kane bitezweho kwimakaza itorero muri kaminuza n'amashuri makuru yose mu Rwanda**
**Nkumba 16/06/2023**

**Nkumba 16 Kamena 2023**: Kuva tariki 17- 25 Kamena 2023, mu Kigo gitoza Umuco w'Ubutore cya Nkumba, Minisiteri y'Uburezi (MINUBUMWE) ifatanyije na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) bazatoza Indangagaciro na Kirazira by'Umuco Nyarwanda ku rubyiruko rurenga 200 rugize Itorero Intagamburuzwa icyiciro cya IV rigizwe n'abanyeshuri bari mu buyobozi butandukanye muri za kaminuza n'amashuri makuru ya Leta cyangwa ayigenga.

Nk'uko bikorwa mu yandi matorero, iri torero rizasiga uru rubyiruko ruhagarariye abandi rutojwe mu buryo bukurikira:

- Gutozwa imyitozo ngororamubiri;
- Gutozwa parade n'intambwe y'Intore;
- Guhabwa ibiganiro ku ngingo zitandukanye birimo nk'icyerekezo 2050, amateka y'itorero, indangagaciro na kirazira;
- Gutozwa mu buryo bw'imikoro n'imikorongiro;
- Gutozwa mu buryo bwo gutarama no guhiga.

Intego z'iri torero ni izi zikurikira:

- Gutoza urubyiruko rwiga muri Kaminuza n'Amashuri Makuru Indangagaciro na Kirazira by'Umuco Nyarwanda;
- Kugira uruhare mu kwimakaza Itorero rikora neza mu Mashuri makuru na za Kaminuza.
- Kubategurira kuba abakozi n'abayobozi barangwa n'imyitwarire mbonezamurimo.

Tariki 04 Werurwe 2014 nibwo itorero ryatangijwe mu mashuri Makuru na Kaminuza mu Rwanda, ku rwego rw'igihugu ritangirirzwa muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Huye, rihabwa izina ry'Intagamburuzwa. Kuva icyo gihe, hamaze gutozwa ibyiciro 3 by'abayobozi b'abanyeshuri muri za Kaminuza n'amashuri makuru atandukanye. Kugeza ubu ibi byiciro 3 byatambutse bimaze gutoza intore zose hamwe 2728. Kandi byagaragaye ko iyi gahunda yagize umusaruro ugaragara mu mashuri yahise atangiza itorero kuva muri 2014.

**Ku bindi bisobanuro**:

- Nshimiyimana Janvier: Umukozi ushinzwe itumanaho/ MINUBUMWE, Tel: 0785756423
- Nyiraneza Juliette: Umukozi ushinzwe itumanaho/ MINEDUC, Tel: 0735866123.